REPUBULIKA Y'U RWANDA

UMUJYI WA KIGALI
AKARERE KA KICUKIRO
TEL: 58 41 83
E-Mail: districtkicukiro@rwanda1.com
BP :657 KIGALI

RAPORO Y'IMIHIGO/KANAMA 2006

Nzeri,2006

IRIBURIRO

Muri kwezi kwa Kanama 2006, hakomeje gukorwa ibikorwa byinshi binyuranye mu Karere ka Kicukiro, byose bigamije iterambere ry'abaturage b'Akarere n'Abanyarwanda muri rusange.

Haherewe rero ku bibazo abaturage b'Akarere bahanganye na byo mu rwego rw'ubuzima, iterambere ry'ubukungu n'umurimo, kubungabunga ibidukikije, imiturire, uburezi n'ibindi; haherewe kandi ku bushobozi bugaragara mu Karere"potentialités"; Ubuyobozi bw'Akarere ka Kicukiro bufatanyije n'abaturage bwateguye gahunda y'ibikorwa ishingiye ku migambi ikubiye mu cyerekezo cya 2020, iyo gahunda ikaba igamije kuzamura imibereho y'abaturage mu nzego zinyuranye. Akarere ka Kicukiro, kimwe n'utundi Turere, kakaba kazakorerwa «Evaluation de Performances» nyuma y'amezi atandatu, ni muri urwo rwego rero imihigo yasinywe mu kwezi kwa kane yakomeje gushyirwa mu bikorwa mu kwezi kwa gatandatu mu Karere ka Kicukiro.

Aha twakwibutsa ko Akarere ka Kicukiro kagizwe n'imirenge icumi (10) ariyo : Masaka, Nyarugunga, Kanombe, Niboyi, Kicukiro, Gahanga, Gatenga, Gikondo, Kigarama na Kagarama. Iyi mirenge igizwe n'utugari twose hamwe mirongo ine na kamwe (41). Akarere ka Kicukiro gatuwe n'abaturage 230 290 batuye ku buso bungana na Km^2 166,7.

Iyi raporo rero iragaragaza aho ishyirwa mu bikorwa ry'Imihigo, Akarere ka Kicukiro kagiranye na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, igeze hakurikijwe serivisi zikorera mu Karere. Ibikorwa by'imihigo kandi bizakomeza gukorwa no mu mezi ari imbere

1. SERVISI Y'UBUZIMA ITERAMBERE RY'UMURYANGO NO KURENGERA UBURENGANZIRA BW'UMWANA					
Urwego	**Igikorwa**	**Intego y'umwaka ku rwego rw'Akarere**	**Intego ku rwego rw'Akarere mu kwezi kwa kwa Kanama**	**Ibimaze kugerwaho**	**Icyitonderwa**
Guteza imbere ubwisungane mu kwivuza	Guhugura komite za "Mutuelle" gukangurira abaturage kuzitabira no gufasha abatishoboye kwishyura ubwisungane mu kwivuza	Ubwisungane mu kwivuza bwitabiriwe kuri 75% mu karere kose	56%by'abaturage bari mu bwisungane mu kwivuza	64% y'abaturage bari mu bwisungane	Tugiye guhugura komite za mutuelle, kubarura abafite ubundi bwisungane (RAMA , MMI) gukoresha abayobozi b'utugari hamwe n'abajyanama b'ubuzima kutuzamurira imibare mu rwego rw'ubuzima, tukabaha agahimbazamusyi (Approche contractuelle communautaire)
Gukangurira ingo zose kugira imisarane	Gukangurira abaturage kugira ubwiherero busukuye no gukurikirana ko bikorwa	Ahari imisarane ifite isuku ubu harabarirwa kuri 60%	100% by'ingo n'izindi nyubako zinyuranye zikorerwamo zifite imisarani ipfundikirwa kandi isakaye	Abaturage bamaze gukangurirwa kugira imisarani Twakoze igenzura mu mirenge dusanga 82% z'ingo, restora, utubari,	Ingo z' abatishoboye zidafite imisarani zahawe inkunga yatanzwe n'Akarere

				n'insengero zifite imisarani Abadafite imisarani myiza twarabafungiye	inyujijwe mu mirenge kugira ngo nabo bashobore kugira imisarani myiza yujujwe ibyangombwa Tuzabafungurira igihe bazakurikiza amabwiriza
Gukangurira abaturage kugira isuku	Kubikangurira abaturage no kubikurikirana	Ingo zifite agatanda kanikwaho amasahani zigera kuri 45%	100% z'ingo zifite udutanda twanikwaho	65% y'ingo cyane iziri mu cyaro (Masaka, na Gahanga) zifite udutanda two kwanikaho amasahane	Twakoze umushinga wo kubaka udutanda tuzawugeza muri CNF y'Akarere kugira ngo twubakire abatadufite
Gukangurira abaturage gahunda yo kuboneza urubyaro	Guhugura abaganga, Guhugura abajyanama b'ubuzima muri buri murenge,Gutanga za dépliants zibisobanura mu baturage	Abari muri iyo gahunda barabarirwa kuri 10% mu karere	30% y'imiryango ituye Akarere iri muri gahunda yo kuboneza urubyaro	Kubera ko amavuriro yacu ari ay'abihaye Imana, twakoze umushinga wo kuzajya dusanga abaturage ahobatuye tubigisha ibyiza byo kuboneza urubyaro kandi tukabahera ubwo buryo hafi yabo, aho batuye	Twahuguye abaganga, abajyanama b'ubuzima n'abagore bo muri CNF muri buri murenge bazajya bakangurira abaturage kuboneza urubyaro no

					kubafasha kubagezaho uburyo bakoresha
Gukangurira abaturage kugira ibimoteri bamenamo imyanda	Kubikangurira abaturage no kubikurikirana	Ingo zifite ibimoteri muri iyo mirenge y'icyaro zigera kuri 20%	100% z'ingo yo mu mirenge zifite ikimoteri cyo kumenamo imyanda	73% z'ingo zo mu mirenge ituriye icyaro, zifite ibimoteri.	Gukomeza gukangurira abaturage bataragira ikimoteri mu ngo zabo akamaro kacyo.
Kwita no gufasha ababana n'ubwandu bwa Sida	Kubarura amashyirahamwe afite iyo nshingano yo kurwanya SIDA	50% y'ayo mashyirahamwe arazwi kandi arakurikiranwa	100%by'amashyirahamwe y'ababana n'ubwandu bwa SIDA azwi kandi akurikiranwa	100% y'amashyira hamwe arazwi kandi yarabaruwe	Gushishikariza amashyirahamwe gukora imishinga. Amashyirahamwe yakoze imishinga azahabwa inkunga
Kwirinda malaria	Gukangurira abaturage kwirinda malariya, gufasha abatishoboye kubona inzitiramubu	Ingo zikoresha inzitira mibu zibarirwa kuri 25%	Ingo 65% zo mu karere zikoresha inzitiramubu	60% y'ingo zo mu karere zikoresha inzitira mibu	Tuzagurira abanyeshuri bo muri internat inzitiramibu (igihumbi) kuko aribo bakunze kurwara marariya cyane

Kongera umubare w'abana bajya kwiga bambaye inkweto	Kubikangurira ababyeyi n'abana, no gukurikirana ko bikorwa	Abana bigana inkweto ubu babarirwa muri 30%	90% bo mu mashuri abanza yose yo mu karere bigana inkweto	85% y'abana bigana inkweto	Abana batishoboye, Akarere kabinyujije mu mirenge yose, katanze inkunga kugira ngo bagurire abana biga inkweto.

2. SERIVISI Y' IMICUNGIRE Y' ABAKOZI N' UMUTUNGO

Urwego (Servisi)	**Ibikorwa**	**Intego ku rwego rw' Akarere**	**Intego ku rwego rw' Akarere muri Nzeri**	**Aho bigeze bishyirwa mu bikorwa**	**Icyitonderwa**
GUCUNGA UMUTUNGO	gufungura konti z'Imirenge no gukurikirana igabana ko ryagenze neza	gufungura konti z'Imirenge no gukurikirana igabana ko ryagenze neza	50% by'imirenge igize Akarere irihembera abakozi muri 25% by'umugabane	Amahugurwa y'Imirenge ku guhemba yabaye taliki 13 na 14/07/06. Imirenge yose uko ari icumi yafunguje konti, buri murenge ubona 25 % y' mugabane rusange	Itegeko rigena uko 25% yinjira mu Mirenge akoreshwa ntirirasohoka..
	Gushaka abakora igenzura, gukurikirana igikorwa	Kumenya umutungo w'Akarere	igenzura ryakozwe 100%	Hakozwe Audit interne kuri za konti zari iz' uturere twa kera, ubu harimo gukorwa audit mu Mirenge	Umurenge wa Gikondo warangije gukorerwa audit

GUCUNGA ABAKOZI	Guhugura abakozi bashinzwe imicungire y' abakozi kubijyanye no kubara imishahara no gushyiraho logiciel ifasha kubara imishahara	Guhemba abakozi ku gihe no kwishyura ibirarane by' imishahara	Kuba abakozi bose bari mu myanya bahemberwa igihe kandi ababariwe imperekeza zabo bazibonye	Abakozi bari mu myanya hamwe n' abafite Contrats z' igihe gito bahemberwa ku gihe; Abakozi basezerewe muri 2005 bari barabariwe imperekeza zabo bagiye bishyurwa mu bice kubera ko amafranga yose yo kubahemba yari ataraboneka	Akarere karateganya ko abo bakozi bose baba barabonye amafranga yabo mbere y'ukwezi k'Ukwakira 2006
	Gukurikirana igikorwa cyo gushaka bikoresho by'ikoranabuhanga	Gushakira abakozi ibikoresho bihagije kandi bijyanye n' igihe	Nibura buri mukozi azaba afite Computer na buri Unite ifite Printer	Hatanzwe isoko ryo kugura computer 14 na accesoires zazo, bamaze kuzana printers gusa	
	Gutegura amahugurwa, gushaka abarimu no guhugura	Guhugura abakozi	Buri mukozi azaba azi gukoresha Word, Excel na Power Point ku buryo bushimishije	Urutonde rw'abazahugurwa nibyo bazahugurwamo rwarateguwe	Hasigaye gushaka uburyo bazahugurwa, igikorwa cyo guhugura kizarangira mbere y' ukwezi k' Ukwakira
	Gshyiraho ishyirahamwe ry'abakozi b'Akarere	**Gutsura umubano mwiza mu bakozi**	**Ishyirahahamwe rikora kandi rifite ubuyobozi**	**Hamaze gukorwa amategeko shingiro y'ishyirahamwe**	Unite iteganya ko iri shyirahamwe ryaba rikora mbere y' ukwezi k' Ukwakira 2006

3. SERIVISI	Y'IGENAMIGAMBI	ITERAMBERE	RY'UBUKUNGU	N'UMURIMO	
Urwego	**Igikorwa**	**Intego y'umwaka ku rwego rw'Akarere**	**Intego ku rwego rw'Akarere mu kwezi kwa Nzeri**	**Ibimaze kugerwaho**	**Icyitonderwa**
UBUHINZI N'UBWORO ZI	Kongera umubare w'ibiti by'imbuto ziribwa	Buri rugo rufite ibiti 5 by'imbuto	Kuba umurama w'imbuto zera mu Karere wabonetse	Hamaze kuboneka umurama w'amatunda uw'izindi mbuto haracyashakishwa aho wava	Muri RADA na ISAR ntayihari hasigaye kubaza muri COOPED
	Gushishikariza abaturage guhinga kawa	Kuba abaturage bo mu Mirenge yeramo kawa bashishikarizwa kuyitera	Pepiniyeri zatangiye gukorwa aho ziteganywa hasigaye	Hakozwe amapepiniyeri Masaka(80000), Gahanga(50000) na Gatenga(100000) Kanombe (10000)	Harateganywa gukorwa izindi pepiniyeri mu Murenge wa Nyarugunga tubifashijwemo na OCIR café
	Kurwanya isuri	Kuba imirwanyasuri yose yasibuwe hakozwe n'amaterasi y'indinganire kuri ha35	Kuba raporo y'itangwa ry'isoko ry'amatersi yatanzwe mu Mujyi wa Kigali	70% y'imirwanyasuri yarasibuwe kandi biracyakomeza, ku birebana n'amaterasi y'indinganire itangazo ryaciye mu Mvaho amabahasha azafungurwa ku wa 12/9/2006	Harateganwa gukorwa andi I Gahanga na Rubilizi

	Guteza imbere ubworozi bwo mu biraro	Kuba nta tungo rizerera ku gasozi	Amatungo yose ari mu biraro (100%)	85% y'amatungo yo mu Karere yororerwa mu biraro	Abaturage baracyabikangurirwa kugirango n'asigaye ajye mu biraro
	Guhinga imbuto z'indobanure	Kuba buri Murenge wamaze kubona ibihingwa bitatu byera mu Murenge	Gushishikariza abaturage guhinga ibihingwa byera mu Mirenge yabo	Buri Murenge wamaze gutoranya ibihingwa bitatu uzahinga biweramo	Buri Murenge wahisemo ibihingwa bitatu bazibandaho
IMISHINGA	Gusubukura umushinga w'amazi wa Gakoki	Kuba imirimo yo gukora amazi igeze kuri 30%	Igice cya kabiri cyasabwe muri CDF kandi imirimo igeze kuri 15%	Akarere katanze avance, imirimo yarasubukuwe igeze kuri 5%	
	Gutunganya umuhanda wa Kigarama-Rutoki	Kuba imirimo yo kubaka igeze kuri 20%	Imirimo igeze kuri 15%	Avance yaratanzwe imirimo igeze ku 10%	
	Kubaka Umurenge wa Niboye	Kuba imirimo yo kubaka igeze kuri 25%	Kuba rwiyemezamirimo yasinye amasezerano	Isoko ririmo gutangwa, bigeze ku rwego rwo gusaba non objection mu Mujyi wa Kigari	Isoko ryaratanzwe
	Kubaka amashuri I Rubilizi	Kuba imirimo yo kubaka igeze kuri 30%	Kuba imirimo igeze kuri 15%	Imirimo yaratangiye kuko na CDF yamaze gutanga avance	Umwaka utaha ikigo rizakira abanyeshuri
	Kwagura ibiro by'Akarere	Kuba imirimo yo kubaka igeze kuri 100%	Kuba ibiro bishya bikorerwamo	Imirimo yararangiye haba reception provisoire ku wa 24/8/2006	

4. SERIVISI Y'UBUREZI, URUBYIRUKO UMUCO NA SIPORO

Urwego	Ibikorwa	Intego ku mwaka	Intego muri Nzeri 2006	Ibimaze kugerwaho	Icyitonderwa
UBUREZI URUBYI RUKO UMUCO NA SIPORO	1.Kugenzura ahantu amashuri y'inshuke akorera 2.Gushishikariza no gushyigikira ababyeyi bashinze amashuri y' inshuke gushaka ibyangombwa no gukorera ahantu hafite isuku	Buri murenge ufite nibura ishuri 1 ry' inshuke rizwi mu kare re kandi rifite isuku n'ibiko resho	Kugenzura inyubako z'amashuri n'isuku	1.Hakozwe urutonde rw' amashuri 54 n'abanyeshuri 4 561 2.Hasuwe amashuri 39 yo mu mirenge 10 3.Amashuri yasuwe yagiriwe inama yo kuzuza ibyangombwa: imfashanyigisho n'isuku mu mashuri. 4.Statistiques zatanzwe muri MINEDUC.	Buri shuri ryahawe kodi (code) Amashuri aracyiyo ngera kubera aba byeyi babikanguriwe Nibura buri murenge ufite amashuri 3 akora neza.
	1.Gukoresha inama nyunguranabitekerezo ku barebwa n'uburezi mu karere n'abatera nkunga 2.Gukoresha amaru shanwa anyuranye (éloquence,excellence, essai) 3.Kugenzura ubuyobo zi bw'amashuri, kubu	Kuzamura umusaruro w'akarere mu burezi	Gukoresha inama abayobozi b'ibigo by'amashuri Gutegura concours d'excellence na concours d'essai Gushyiraho Umuyobozi	1.Hakozwe inama 2 z'uburezi n'iz'abayobozi b'ibigo za buri kwezi. 2.Hateguwe concours ku mashuri yose abanza. Hakozwe concours ku mashuri ya tronc commun	

	gira inama no gushyira ho abayobozi bafite impamyabushobozi zemewe		w'ishuri ryisumbuye rya Kagarama Kugenzura isuku mu mashuri 20 abanza na 20 yisumbuye Guhugura abarimu 40 muri siporo	3.Hagenzuwe amashuri 16 yisumbuye, 15 abanza, 3 y'imyuga 4.Mu bigo 5 bya Leta 4 bifite abayobozi bujuje ibyangombwa bisabwa. Hakoreshejwe amapiganwa mu bigo 3	ESSA Nyarugunga yafunguye imiryango kuwa 17/08/2006 nyuma yo gufungwa kubera ibibazo by' isuku
	4.Kugenzura imyigire n'imyigishirize nibura inshuro1kuri buri kigo 5.Gukurikirana ikorwa ry'ibizamini bya leta			Hatanzwe umubare w'aba-kandida n'aho bazakorera	
	Kubarura ibyumba by'amashuri, ibikore sho,abanyeshuri n' abarimu bakenewe muri 2007 Kugenzura aho imirimo igeze y'isanwa rya E.S.Kanombe	Kurangiza igishushanyo mbonera 2007 mu mpera 2006 Gukurikirana imirimo y'isa nwa		Amafaranga arahari, isoko ryaratanzwe, Non Objection y'Umujyi yarabonetse imirimo igiye gutangira	

2. KWIGISHA GUSOMA, KWANDIKA NO KUBARA

	1.Kubarura abatazi gusoma no kwandika 2.Guhugura abakangu	Kugabanya umubare w' abatazi guso	Kugeza mu mirenge 7 ibikoresho	Abakangurambaga barahuguwe n'ibikoresho birahari ku masomero 3	Hateganyijwe gutangwa impamyabumenyi
	rambaga b'amasomero 3.Gushishikariza abata	ma no kwa ndika	by'amasomero	kuri buri murenge	ku bantu 150 bigishijwe na

	zi gusoma no kwandi ka kugana amasomero 4.Gutangiza amasome ro mu mirenge itayafite 5.Gukurikirana imikore re y'amasomero				AMURWA

3. URUBYIRUKO, UMUCO NA SIPORO

	Amarushanwa hagati y'imirenge, gutoranya abakinnyi, gushaka ibikoresho bikenewe gushaka umutoza no gutangira imyitozo	Gushyiraho ikipe ifite ubushobozi bwo guseruki ra akarere	Gukurikirana amarushanwa y'ibikombe by'imiyoborere myiza	Amarushanwa ageze ku cyumweru cya 5 Gukangurira urubyiruko kwirinda no kwipimisha SIDA binyujijwe mu mupira w'amaguru: 14 - 20/08/2006	Hahembwe amakipe 3 ya mbere
	Gutoranya ababyinnyi no guha ingufu itorero ririho, kugura imyamba	Gushyiraho itorero ry' akarere ryuju	Gukora devis y'ingoma no gushaka abazirema	Imirenge yamenyeshejwe gahunda y'amarushanwa. Hashatswe uko ibiciro by'	
	ro n'ibikoresho,gusha	je ibyango		ibikenewe bihagaze ku isoko.	
	ka abatoza Gusana no kongera inyubako, kubaka	mbwa Gukangurira urubyiruko	Inama no gusura aho ibikorwa	Imirimo igeze ku isakara.	
	ibibuga ku kigo cy' urubyiruko Guide Gikondo	kwipimisha SIDA binyujijwe mu mikino	bigeze		

5. SERIVISI ISHINZWE KWINJIZA UMUTUNGO

Urwego (Service)	**Igikorwa**	**Intego y'umwaka ku rwego rw'Akarere**	**Intego ku rwego rw'Akarere mu kwezi kwa Nyakanga**	**Ibimaze kugerwaho (%)**	**Icyitonderwa (ibibazo, kurenza target, igikwiye gukorwa)**
Kongerera ubushobozi imirenge	Gufungura konti z'Imirenge no gukurikirana ko igabana ryagenze neza	50% by'imirenge igize Akarere irihembera abakozi muri 25%by'umugabane	Kugeza kuri buri Murenge raporo y'igabana ry'amafranga yo mu kwezi kwa Kamena	Imirenge yose ishyirirwa kuri konti 25% agenerwa n'itegeko, itatu muriyo ifite ubushobozi bwo kwihembera abakozi	Haracyari ikibazo cy'abishyura kuri konti rusange baterekana inkomoko y'amafaranga basoze bigatuma ayo mafranga atagabanywa
Kumenya urutonde rw'abasoreshwa	Gukora urutonde rw'abasoreshwa muri buri Murenge n'ibyiciro byabo	Buri Murenge ufite urutonde rw'abasoreshwa (100%) hakurikije ibyiciro byabo	Gutegura ibarura ry'abasoreshwa	Hamaze gukorwa urutonde rw'abasoreshwa rwa buri murenge hakurikijwe ubwoko bw'umusoro kugeza ubu dufite abasoreshwa 5 208	Haracyari abaturage batarasobanukirwa n'akamaro ko gusora. Bazakorerwa ubukangurambaga biciye muri ba Opinion Leaders

Kwishyuza imisoro,amahoro na serivisi zihabwa abaturage	Gutanga fagitire na Declarations umusoreshwa ku wundi, kubakangurira kwishyura binyuze mu nyigisho no guhugura abasoresha	Buri Murenge uzaba uzi nibura 90% by'abasoreshwa kandi bakurikirannwa	Gutegura ibarura ry'abasoreshwa rizaba mu kwezi kwa Kanama	Hamaze gusoreshwa miliyoni 21.479.889 Frw muri " recouvrement forcé" yo kuva tariki 19/06-14/07/2006	Umusaruro ku musoro w'ipatanti warengeje target ariko uw'ubukode bw'amazu wo uracyari hasi. Abasoreshwa ntibarakangukira kuwusora
Kwishyuza ibirarane by'imisoro n'amahoro	Kuzuza amafishi yateguwe yo kubarura abasoreshwa	Buri Murenge wose uzaba ufite 40% by'imibare y'abafite ibyo bishyurira batishyura	Gukoresha amaraporo yavuye mu gikorwa cya recouvrement Forcé	Amaraporo y'abafitiye ibirarane by'imisoro Akarere arimo arakorwa n'abashinzwe isoresha mu Mirenge yose	
Gukora fagitire z'ubukode bw'ibibanza, kuzigeza kuri benezo no kuzikurikirana	Gushaka abakozi b'ikiraka, gushyira amadosiye ku rutonde, gukora fagitire no kuzigeza kuri benezo	100% by'abafite amadosiye y'ibibanza bose bazakorerwa fagitire kandi bakurikiranwe mu kwishyuzwa	Kwishyuza ibirarane by'abafite ibibanza batasoreye mu cyahoze ari Akarere ka Kicukiro	Hamaze gukorwa fagitire73 kandi igikorwa kirakomeza	Iki gikorwa ntikirashyirwamo ingufu kubera ko habanje kwitabwa ku misoro irangirana n'ukwezi kwa Werurwe no gukurikirana abatarayitanze

Kugena ibiciro bimwe kuri serivisi zikorerwa abaturage mu Karere kose	Gukora urutonde rw'izo serivisi, gutanga ibitekerezo ku biciro byazo no kubigeza kuri Njyanama	Buri serivisi yose ikorerwa abaturage n'Akarere izaba ifite igiciro kandi kimenyeshwe abaturage	Kurangiza itegurwa ry'amaseze rano asinywa hagati y'Akarere n'abatwara imyanda	Amasezerano yarateguwe hasigaye kuyanoza no gutangiza ishyirwa mu bikorwa ryayo	Iki gikorwa gisaba ubufatanye na za Njyanama z'Imirenge
Gutangira ibikoresho by'isoresha ku gihe no kugenzura abakirizi b'imisoro	Gutumiza ibikoresho ku gihe no kubigeza kuri buri Murenge, Kugenzura udutabo twasoresherejwemo	Buri mwakirizi w'imisoro azaba afite ibikoresho bihagije kandi ku gihe; igenzura (Verification) rizajya rikorwa buri gihe	Gukoresha ibitabo by'isoresha mu icapiro byo kunganira ibigiye gushira	Ibitansi by'imisoro bitangirwa igihe hamaze gutanga 900 kandi abasoresha bose bafite ibikoresho.Hamaze kugenzurwa 100	
Gukurikirana imikorere y'amasoko yo mu Karere	Gukora urutonde rw'abakorera mu masoko, gukurikirana imyishyurire yabo, gushyiraho za Komite z'amasoko no kuzikurikirana	Buri soko rizaba rifite urutonde rw'abarikoreramo, icyo bishyura n'uko bishyura; buri soko rizaba ricungwa neza kandi rifite isuku	Gukurikira na imikorere y'isoko rya Kigarama	Isoko rya Kicukiro ryashyizwe ku murongo mu byerekeye kuricamo akajagari no gukorana inama n'abarikoreramo	Amenshi mu masoko yo mu Karere aracyakorera mu kajagari. Hakenewe kuyashyira ku murongo

AMASHYIRAHAMWE N'IBARURAMIBARE	Kumenya imibare y'abatuye Akarere	Kuba abaturage batuye Imirenge bamenyekanye mu Karere	Imirenge yose yamaze gutanga imibare y'abayituye mu kwezi Kanama	Hasabwa raporo z'abatuye Imirenge buri kwezi	
	Gukurikirana imikorere y'amashyirahamwe no guha ibyangombwa atabifite	Kuba amakoperative n'amashyirahamwe akorera mu Karere yose azwi anakurikiranwa mu mikorere yayo	Kuba amashyirahamwe 10 yivuguruye agahinduka koperative	Amashyirahamwe 73 yujuje ibyangombwa yarasuwe ahabwa n'ibyangombwa, amakoperative 8 yahawe ibyangombwa biyemerera gukora	Imirenge irasabwa gukurikirana imikorere y'amashyirahamwe n'amakoperative akorera mu Mirenge yose akazajya atanga raporoy'imirimo bakora

Gushakisha ahandi hakomoka umutungo w'akarere	Gushakisha imishinga yabyara umutungo (Identification) no kugirana contacts n'abaterankunga	Kugira nibura ibikorwa bitatu byinjiza umutungo byamaze kugaragazwa no kuba hari nibura abaterankunga babiri bashya babonetse	Kunoza ibiciro by'ubukode by'ibikoresho by'Akarere	Hakozwe amanama n'abahagarariye umushinga wa PIGU bazatera inkunga Akarere mu gutunganya igikorwa cy'isoresha	Hakenewe gushaka abandi baterankunga n'ibindi bikorwa byinjiza umutungo

6. SERVISI Y'IMITURIRE, IBIKORWA REMEZO, IBIDUKIKIJE N`UMUTUNGO KAMERE

Urwego (Service)	**Igikorwa**	**Intego y'umwaka ku rwego rw'Akarere**	**Intego ku rwego rw'Akarere mu kwezi kwa Nyakanga**	**Ibimaze kugerwaho (%)**	**Icyitonderwa (ibibazo, kurenza target, igikwiye gukorwa)**
IMITURIRE	Kwimura dosiye zari mu Mujyi zigashyirwa ku Karere	Kwimura dosiye zose z`abaturage b`Akarere ka Kicukiro	Kuba dosiye zose zageze ku Karere	Igikorwa kigeze ku ijana ku ijana 100%	
	Gupanga dosiye neza zigashyingurwa	Kuba dosiye zose zipanze neza aho zigomba kuba	Kuba dosiye zose zipanze neza aho zigomba kuba	Igikorwa kigeze ku ijana ku ijana	
	Gutunganya ibibanza bishya muri Kigarama	Gutanga ibibanza n' ibyangombwa byabyo ku babisabye	Gutanga ibibanza n' ibyangombwa byabyo ku babisabye	Igikorwa kigeze kuri 60%	

	Gutunganya ibibanza bishya muri Karembure	Gutuza abimuwe n' ibikorwa by'amajyambere	Ntakirakorwa	Ntakirakorwa	Ntibyakozwe ngo hahangwe ibibanza kubera amikoro macye y'Akarere
	Gutanga ibyangombwa ku bantu bubatse batabifite (reguralisation)	Gutanga ibyangombwa bigatanga umusaruro	Hamaze gupimirwa abaturage 196	Hamaze gukorwa 50%	Hashize igihe gito abakozi bakora ibiraka batangiye (topographes)
	Gukemura ibibazo bijyanye n'imiturire	Gukemura ibibazo by'abaturage	Igikorwa gihoraho	Tumaze gukemura ibibazo 426	
IBIDUKIKIJE					
Service y'ibidukikije n'umutungo kamere	Gusukura umujyi	Gushyira pubelle ahantu hahurirwa n'abantu benshi	Buri murenge wabonye pubelle, hakozwe identification y`aho poubelles zindi zizava	Igikorwa kigeze kuri 57%	Hari Imirenge (5) itaragaragaza ahashyirwa poubelles
	Gukoresha neza ingufu zikomoka ku bicanwa	82% by`ingo zikoresha rondereza	Guhugura abazahugura abandi no kubikangurira abaturage	Igikorwa kigeze kuri 60%	Abazahugura barabonetse, harimo gukorwa identification y`abazahugurwa

	Gufata amazi	70% by`ingo zifite imireko, ibigega bifata amazi cyangwa ibyobo	Gukoresha amahugurwa ku bazahugura abandi mu Mirenge bakanabikangurira abaturage	Igikorwa kigeze kuri 30%	
IBIKORWA REMEZO	Kugeza amazi meza ku baturage bo mu Kagari ka Gakoki	Kugeza amazi meza ku baturage	Kuba amazi meza yarageze ku baturage	Igikorwa kigeze kuri 10%	
	Gutunganya imihanda	Gutunganya umuhanda wa Rutoki	Gutangiza ibikorwa by`umuhanda	Igikorwa kigeze kuri 10%	
	Kubaka ibiro by`Imirenge	Kubaka Umurenge wa Niboye	Gutangiza ibikorwa by`ubwubatsi	Hasabwe avance muri CDF	Avance ntiraboneka, ariko imiromo yaratangiye
	Kubaka ibiro by` Utugari	Kubaka ibiro by`tugari twose		Akagari ka Rwimbogo kamaze kubona ikibanza batangiye fondation	
	Kwagura ibiro by`Akarere	Kwagura ibiro by`Akarere	Abakozi batangiye gukorera mu biro	Igikorwa cyararangiye	Harateganwa kuzongera ibiro kuko hamaze kuboneka inkunga

7. SERIVISI Y'IMIYOBORERE MYIZA

Urwego (Service)	Ibikorwa	Intego y'umwaka ku rwego rw,Akarere ku mwaka	Intego ku rwego rw'Akarere mu kwezi gukurikiye	Ibimaze kugerwaho (%)	icyongerwaho
Kugira urutonde rw'abatishoboye	Gukora ibarura ry'abatishoboye	Buri murenge uzagira urutonde rw'abatishoboye	Kugira urutonde rw'abatishoboye	Ibarura ririmo gukorwa mu Mirenge (60%)	Caneva yo kubarura yatanzwe mu Mirenge, bahawe igihe ntarengwa cyo kuba urutonde rw'abatishoboye muri buri Murenge ryageze ku Karere (Nzeri)
	Gukangurira abaturage kumenya uburenganzira bwabo no kubuharanira, Kubamenyesha serivisi zisigaye zitangirwa ku Mirenge	Abaturage baza bagana ubuyobozi bahabwa serivisi bifuza, neza kandi vuba	Serivisi nziza ziratangwa ku nzego zose kandi ku gihe	Serivisi nziza ziratangwa ku rwego rw'Akarere n'Imirenge (70%)	Zimwe muri serivisi ntizitangwa ku buryo bushimishije kubera abakozi bake
Guteza imbere abahejwe n'amateka	Kugira imibare yabo, no gutangiza igikorwa cyo kububakira	Kubaka amazu 20 abahejwe n'amateka (Abatwa)	Kugira imibare yabo naho baherereye	Caneva izakoreshwa kumenya imibare yabo naho baherereye yagejejwe ku Mirenge basabwe kuba baragije ibarura bitarenze ukwezi kwa Nzeri	

Kuzamura imibereho myiza y'abaturage	gukurikirana imishinga y'Ubudehe no kuyitangiza mu Tugari twose	Buri mushinga uterwa inkunga n'ubudehe uzaba ugeze kuri 75%,	Gukangurira abaturage kugira uruhare mu bikorwa by'ubudehe	Imishinga yarakusanyijwe ishyirwa hamwe raporo iri muri MINALOC (60%)	
Gukurikirana ibikorwa by'Inkiko Gacaca	Gukurikirana imirimo y'Inkiko Gacaca, guhugura inyangamugayo	Imirenge 100% yatangiye kuburanisha	Gukangurira abaturage kwitabira ibikorwa by'Inkiko gacaca	Inkiko gacaca ziritabirwa mu Mirenge yose (70%)	
Kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside	Umubare wa gahunda, ibiganiro, amakinamico byakozwe mu kurwanya iyo ngengabitekerezo	Birakorwa ku buryo budashimishije	buri Murenge uzatangwamo ikiganiro kigamije kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside no gukangurira abaturage gahunda z'ubumwe n'ubwiyunge no kwitabira icyunamo	Ibiganiro bigamije kurwanya ingengabitekerezo ya genoside no gukangurira abaturage ubumwe n'ubwiyungebiratangwa ahantu hanyuranye (65)	
Imiyoborere myiza	Inzego z'Imirenge n'Utugari zahuguwe, Imiryago yasezeranijwe mu mategeko, Imibare y'abitabira umuganda	Byaratangiye	Guhugura inzego zose zatowe, gusezeranya 80% by'ababana badasezeranye, kwitabira umuganda kuri 80%	Amahugurwa ya bamwe mu bagize inzego arakorwa (50) 80 % yababanaga batarasezeranye bamaze kubikangurirwa 35% bamaze gusezerana Umuganda uritabirwa 60%	

	Gushyira mu bikorwa ibyemezo by'inama Njyanama	Gushyira mu bikorwa ibyemezo by'inama Njyanama ku gihe	Ibyemezo by'Inama Njyanama byashyizwe mu bikorwa ku buryo bushimishije	Ibyemezo by'Inama Njyanama bimaze gushyirwa mu bikorwa 80%	
Umutekano	Umubare w'ibyaha byakozwe, aho Polisi ikorera hatunganye na LDF zihuguwe kandi zikora akazi kazo neza	Haracyagaragara ibikorwa by'ihohoterwa mu Karere, Polisi y'Akarere ntirabona aho ikorera hakwiye mu Karere no mu Mirenge, LDF ntibafite amahugurwa ahagije mu bijyanye no gucunga umutekano n'iterambere ryabo	Kugabanya kugeza nibura kuri 20% ibyaha bijyanye n'ihohoterwa no guhungabanya uburenganzira bwa muntu, kubonera Polisi y'Akarere aho gukorera no guhugura ba LDF	Abaturage bakanguriwe gahunda zo kurwanya ihohoterwa, abayobozi ba LDF bamwe barahuguwe; Harakorwa ibarura ngo hamenyekane umubare babo mu Karere naho buri wese akorera	

UMWANZURO

Nk'uko byagaragaye muri iyi raporo, mu kwezi kwa Kanama mu Karere ka Kicukiro hakozwe ibikorwa byinshi byose bigamije iterambere ry'abaturage mu nzego zose z'ubuzima. Hari ibikorwa byari byaratangiye mu kwezi kwa Nyakanga byakomeje mu kwezi kwa Kanama kandi bigikomeza, hari ibyatangiye byarangiye, hari ibitararangiye akaba ari na byo bizibandwaho mu kwezi kwa Nzeri ngo bibe byarangira hatangizwa n'ibindi byose bizageza abaturage ku majyambere. Igikorwa rero kibanzweho mu mashami yose yo mu Karere ni ukwihatira kurangiza Gahunda y'Imihigo y'Akarere yasinywe ku wa 04/04/2006 hagati y'Umuyobozi w'Akarere n'Umukuru w'Igihugu. Iyo gahunda ni igikoresho kizadufasha mu gukemura ibibazo byagaragjwe n'abaturage. Ishyirwa mu bikorwa ryayo rizaterwa n'ubushake bw'ubuyobozi bufatanyije n'abaturage, inkunga ya Leta, imiryango itegamiye kuri Leta n'abikorera ku giti cyabo.

Birumvikana rero ko iterambere ry'Akarere ritagerwaho nk'uko ryifuzwa n'abaturage, hadahindutse imikorere y'inzego; izo nzego zigahabwa n'ubushobozi, hagurwa ibyuma by'ikoranabuhanga ndetse n'amahugurwa ahoraho agahabwa abakozi ku nzego zose. Ibi bikaba bisaba uruhare rwa buri wese mu bitekerezo, gutanga inama, inkunga y'ibikoresho n'amafaranga kugira ngo ibibazo byazatera imbogamizi mu gushyira mu bikorwa Imihigo y'Akarere bibe byakemuka.

Bikorewe Kicukiro, ku wa 08/09/2006

Umuyobozi w'Akarere ka Kicukiro,

NTIDENDEREZA William

OL

REPUBULIKA Y'URWANDA

Kicukiro, ku wa 08/09/2006
Réf. N° 621./07.0103.05/06

11 SEP. 2006
30734
UATRL
07.01/04

UMUJYI WA KIGALI
AKARERE KA KICUKIRO
E-mail: districtkicukiro@rwanda1.com
BP.657 KIGALI

Madamu Umuyobozi w'Umujyi wa KIGALI

Impamvu: Kohereza raporo y'imihigo
Ukwezi kwa Kanama

Madamu Muyobozi,

Nejejwe no kubandikira ngirango mbohererereze, ku mugereka w'iyi baruwa, raporo y'imihigo ukwezi kwa Kanama/2006

Mbashimiye uburyo mubyakira.

Umuyobozi w'Akarere ka KICUKIRO

NTIDENDEREZA William

Bimenyeshejwe:
Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Imiyoborere Myiza, Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage
KIGALI